REPUBULIKA Y'U RWANDA

NLA
National Land Authority

# ITANGAZO

Mu rwego rwo gukomeza kunoza no kwihutisha itangwa rya serivisi z'ubutaka hashyirwa mu bikorwa ibiteganyijwe n'ingingo ya 25 y' Itegeko N° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka iteganya serivisi z'ubutaka zitangwa n'abantu ku giti cyabo ;

Hashingiwe kandi ku Mabwiriza y'Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'Ubutaka N° 001/INSTR/DG/2025 yo ku wa 31/01/2025 agenga serivisi zitangwa z'umunoteri wikorera mu bijyanye n'ubutaka cyane cyane mu ngingo zayo, iya 5, iya 6, iya 7, iya 8 n'iya 9;

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) bunejejwe no kumenyesha abanoteri bikorera bifuza guhabwa uburenganzira bwo gutanga serivisi z'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka ko bakohereza dosiye zisaba kuri e-mail y'ikigo ariyo info@lands.rw. Dosiye igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'ubutaka;
- Fotokopi y' ibiranga usaba;
- Icyemezo cya Minisitiri w'ubutabera gisabira umunoteri kwemererwa gukora umurimo wa notariya mu by'ubutaka kitarengeje ibyumweru bibiri (2);
- Ku bahoze ari abakozi ba Leta bakora muri serivisi z'ubutaka, Icyemezo cy'Umubitsi w'Inyandikompamo z'Ubutaka w'Ifasi uwo mukozi yakoreragamo gisabira umunoteri kwemererwa gukora umurimo wa notariya mu by'ubutaka kitarengeje ibyumweru bibiri (2);
- Ifoto ngufi y'amabara itarengeje amezi atatu (3);
- Icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro;
- Ifoto y'inyubako akoreramo n' aho iherereye (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'Intara) ndetse n'ibipimo ndangahantu by'aho inyubako akoreramo iherereye;
- Inomero ya telefoni na imeyiri usaba akoresha.

Kwakira dosiye bizakorwa kugeza ku itariki ya 11/03/2025 saa kumi n'imwe (5:00 pm).

Bikorewe i Kigali, ku wa 12/02/2025

**NISHIMWE Marie Grâce**
**Umuyobozi Mukuru/Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'Ubutaka**